



Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu

B.P. 269 Kigali - Tél. : 34 30 / (+250)788304878

Email : info@cndp.org.rw

Website : <http://www.cndp.org.rw>

Twitter : [@HumanRightsRW](https://twitter.com/HumanRightsRW)

Facebook : [NCHR](https://www.facebook.com/NCHR)

IMFASHANYIGISHO KU BURENGANZIRA BWO KWISHYIRA HAMWE



Kigali, Ukwakira 2021

IMFASHANYIGISHO KU BURENGAZIRA BWO KWISHYIRA HAMWE

I. IRIBURIRO

Leta y'u Rwanda ishyigikira ko uburenganzira bwo kwishyira hamwe bwubahirizwa kuko ari ingenzi kandi ikaba imwe mu nzira z'iterambere rirambye no kuzana impinduka mu bukungu. Kwishyira hamwe ni uburyo bwihariye butuma abishyize hamwe babasha guharanira uburenganzira n'inyungu byabo, bagafashanya kandi bagakusanyiriza hamwe ubushobozi ngo babashe kwiteza imbere.

Kwishyira hamwe kandi, ni urubuga rw'ibiganiro kuri politiki no guteza imbere imibereho myiza y'abanyamuryango mu nzego z'imirimo zitandukanye.

U Rwanda kandi rushyigikiye ubwisanzure n' iterambere rya buri munyarwanda binyuze mu murimo akora, haba ku giti cye cyangwa biciye mu kwishyira hamwe n'abandi. Ni muri urwo rwego Leta ishishikariza abanyarwanda bose mu nzego zitandukanye kwishyira hamwe, ibi bikaba bigaragarira mu miryango itari iya Leta, mu mashyirahamwe, amakoperative, sendika, imiryango ishingiyeye ku myemerere n'imitwe ya politiki.

Ubu burenganzira bukubiye mu mategeko y'u Rwanda atandukanye no mu masezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono.

Komisiyo y'Igihugu y'uburenganzira bwa Muntu, ishingiyeye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yaryo ya 39, ivuga ku burenganzira bwo kwishyira hamwe n'uburyo ubwo burenganzira bukoreshwa;

Ishingiyeye ku ngingo ya 5 (8⁰) y'Itegeko n°19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ryahinduwe n'itegeko n° 61/2018 ryo ku wa 24/08/2018, ifatany

n'amashyirahamwe akorera mu gihugu n'imiryango mpuzamahanga mu bikorwa byo guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu, harimo n'uburenganzira bwo kwishyira hamwe.

Ikigamijwe muri iyi mfashanyigisho

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yateguye iyi mfashanyigisho igamije kumenyekanisha uburenganzira bwo kwishyira hamwe, bityo bukarushaho gutezwa imbere.

Ibice bigize imfashanyigisho

Iyi mfashanyigisho igizwe n'ibice bikurikira :

- I. Iriburiro
- II. Ibisobanuro by'amagambo y'ingenzi
- III. Amateka y'uburenganzira bwo kwishyira hamwe
- IV. Akamaro ko kwishyira hamwe
- V. Uburenganzira bwo kwishyira hamwe mu mategeko y'u Rwanda no mu masezerano Mpuzamahanga
- VI. Intambwe u Rwanda rwateye mu guteza imbere uburenganzira bwo kwishyira hamwe
- VII. Ibyo Komisiyo ikora mu guteza imbere uburenganzira bwo kwishyira hamwe
- VIII. Ibikwiye kwitabwaho mu kurengera uburenganzira bwo kwishyira hamwe
- IX. Umwanzuro
- X. Umugereka: Inyandiko zifashishijwe mu gutegura iyi nyigisho

II. IBISOBANURO BY'AMAGAMBO Y'INGENZI

II.1 Ishyirahamwe (association)

Ishyirahamwe ni itsinda ry'abantu biyemeje guhuriza hamwe kandi mu buryo buhoraho, ubumenyi bwabo cyangwa ibikorwa byabo, bigamije kubahesha inyungu.

II.2 Uburenganzira bwo kwishyira hamwe:

Uburenganzira bwo kwishyira hamwe ni uburenganzira bwa buri muntu wese bwo kwishyira hamwe n'abandi ku bushake bwe no kugira uruhare mu bikorwa bimufitiye inyungu.

II.3 Ibikorwa bigamije inyungu:

Ibikorwa bigamije inyungu ni ibikorwa by'abantu ku giti cyabo cyangwa imiryango ifite ubuzima gatozi bikorwa hashingiwe ku bumenyi cyangwa imirimo byabo bigamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage. **Itegeko n°04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta, ingingo ya 2(1).**

II.4 Umuryango nyarwanda utari uwa Leta:

Umuryango ugizwe n'abantu ku giti cyabo cyangwa imiryango yigenga yishyize hamwe ku bushake yitangira abandi, hagamijwe guteza imbere ubukungu, imibereho myiza n'umuco, ubuvugizi ku nyungu rusange z'icyiciro cy'abantu, abantu ku giti cyabo, imiryango cyangwa guteza imbere inyungu z'abanyamuryango bayo. **Itegeko n°04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta, ingingo ya 2(2).**

II.5 Sendika:

Sendika ni ishyirahamwe ry'abakozi ryigenga kandi rishingiye kuri demokarasi, rihuje abakozi bahuriye ku cyiciro cy'urwego rumwe rw'umurimo.

II.6 Fondasiyo:

Fondasiyo ni umuryango ugamije gushyiraho ikigega cyangwa gukusanya umutungo, kuwucunga no kuwukoresha mu bikorwa byo gutera inkunga abo washyiriweho.

III. AMATEKA Y'UBURENGANZIRA BWO KWISHYIRA HAMWE

Uburenganzira bwo kwishyira hamwe bwatangiyeye guharanirwa mu kinyejana cya 18 ubwo ibihugu byinshi ku isi byatangiraga kwinjira mu iterambere rishingiye ku nganda, "Revolution industrielle", ahagaragaye cyane ikandamizwa ry'abakozi bakoraga muri izo nganda. icyo gihe mu mwaka wa 1791 hashyizweho itegeko ryabuzaga abantu kwishyira hamwe yaba abakozi cyangwa abakoresha, (Loi de Chapelier 1791).

Muri icyo gihe, ibigo byari bishishikajwe no kuzamura umusaruro wabyo hatitawe ku burenganzira bw'umukozi aribwo batangiye gusimbuza abakozi imashini zikora cyane kandi vuba, n'abakozi babaga basigaye ntabwo bitabwagaho mu bigendanye n'amategeko agenga ikiremwa muntu n'umukozi by'umwihariko. Ibyo byagaragariraga mu gukora amasaha menshi kandi ntibayahemberwe, hakiyongeraho kutagira ikiruhuko ndetse n'umushahara utagendanye n'akazi bakoraga kandi ibigo byunguka.

Mu mwaka wa 1880, abakozi bahuriye ku murimo umwe batangiye kugenda bihuza, bashaka kugaragaza akababaro kabo n'ikandamizwa bakorerwaga, ariko bakabikora mu buryo budafite umurongo, bakangiza byinshi kandi bakabikorana umujinya n'urugomo. Ibi byahereye mu Bwongereza no mu Bufaransa.

Muri urwo rugamba rwo guharanira uburenganzira bwabo, intego yabo yari ukugira ngo nabo babashe kugira imibereho myiza babikesha umurimo bakora.

Buhoro buhoro, bagiye bishyira hamwe bashinga amashyirahamwe na za sendika bibahuza, zikaba zaraje kwemerwa n'amategeko mu mwaka wa 1884.

U Rwanda narwo rusangiye aya mateka n'ibindi bihugu byinshi byo ku isi, kuko amashyirahamwe yatangiye gukora mu gihe cy'ubukoloni ndetse akomeza gukoreshwa n'ubutegetsi bw'abakoloni nk'igikoresho cyo kugera ku nyungu zabo bwite, nko gucukura amabuye y'agaciro no kubona abakozi, aho kwita ku nyungu n'uburenganzira bw'abo bakorehaga.

Ni muri urwo rwego mu mwaka w'I 1961, ishyirahamwe ry'abakozi mu Rwanda ryitwaga CGTR ryagize igitekerezo cyo gushyiraho sindika rifashijwe n'ishyirahamwe ry'abakozi bo mu Bubiligi ryitwaga FGTB. Ikaba yaremejwe n'amategeko mu mwaka w'1967.

Mu myaka yakurikiyeho abakozi bakomeje kugerageza kwishyira hamwe muri za Sendika bakurikije imyuga n'imirimo inyuranye bakoraga, muri zo twavugaga nka Sendika y'abakozi bo mu byuma (STM), Sendika y'abakozi bo mu bwubatsi (STBB) ariko ntizashoboye gukomeza ibikorwa byazo no kurangiza inshingano zari zihaye muri sitati zari zakoze.

Sendika nubwo zitafatwaga neza mu Rwanda, hakomeje kubaho amahugurwa n'ibiganiro by'abakozi, bityo mu mwaka wa 1974 hashyirwaho ikiswe ubumwe bw'abakozi b'u Rwanda (UTR) byaje guhindukamo sendika y'abanyamyuga bose bo mu Rwanda (S.IT.R.) mu mwaka wa 1975.

Ibyifuzo n'imbaraga by'amashyirahamwe y'abakozi byakomeje gushyigikirwa na Leta, mu mwaka wa 1985 havuka Ihuriro rya sendika y'abakozi mu Rwanda

CESTRAR, ariryo ryaje kuba Urugaga rw'amasendika y'abakozi mu Rwanda mu mwaka wa 1992.

Uko u Rwanda rwagiye rutera imbere ndetse n'inyungu z'umuturage zikaba ku isonga, hashyizweho amategeko na za politiki zitandukanye zemerera umunyarwanda kwishyira hamwe n'abandi kugira ngo aharanire uburenganzira n'inyungu bye.

IV. AKAMARO KO KWISHYIRA HAMWE

Kugira uburenganzira bwo kwishyira hamwe bifasha abishyize hamwe kurengera uburenganzira n'inyungu byabo (guhembwa umushahara ujyanye n'akazi yakoze, guhabwa ubwisungane mu kwivuzza, guhabwa ikiruhuko cy'akazi, guteganyirizwa amafaranga y'izabukuru n'ibindi bimufasha kubaho neza), bikabafasha kugera ku mibereho myiza biteza imbere kandi barwanya ubukene bityo bakagera ku iterambere ryihuse.

Uburenganzira bwo kwishyira hamwe kandi ni imwe mu nzira y'iterambere ry'igihugu ituma abishyize hamwe bahanga imirimo kandi bagakora ibikorwa bibyara inyungu, bakubaka ubushobozi bwabo mu nzego zitandukanye haba mu bucuruzi, mu kuba ba rwiyemezamirimo, bakungukira kuri gahunda zitandukanye z'uburezi n'amahugurwa bagenerwa n'igihugu kandi bakongera ubwizigame n'igishoro.

Kwishyira hamwe kandi bigira uruhare runini mu iterambere ry'igihugu no kugera ku igenamigambi ry'igihe kirekire.

V. UBURENGANZIRA BWO KWISHYIRA HAMWE MU MATEGEKO Y'U RWANDA NO MU MASEZERANO MPUZAMAHANGA

U Rwanda rwagiye rwiubaka, ruharanira ko umuturage agira uburenganzira n'inyungu mu bimukorerwa, kandi rugamije iterambere rya buri wese. Ni muri urwo rwego hashyizweho amategeko arengera Uburenganzira bwo kwishyira

hamwe. Ubu burenganzira bukaba buteganywa mu mategeko y'u Rwanda no mu mu Masezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono.

Mu mategeko y'u Rwanda, ubwo burenganzira buteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 ivuga ko:

1. Uburenganzira bwo kwishyira hamwe buremewe kandi ntibubanza gusabirwa uruhushya. **(ingingo ya 39, igika cya a).**

2. Uburenganzira bwo guteranira mu nama z'ituze kandi nta ntwaro buremewe bukoreshwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko kandi ntibubanza gusabirwa uruhushya keretse igihe biteganyijwe n'amategeko **(ingingo ya 40).**

3. Ubu burenganzira kandi tubusanga no mu Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu ryo ku 10/12/1948 u Rwanda rwemeye ku wa 18 Nzeri 1962., rikaba ritaganya ko umuntu wese afite uburenganzira bwo guteranira mu nama no mu mashyirahamwe mu ituze, kandi ko nta muntu ushobora guhatirwa kwinjira mu ishyirahamwe. **(ingingo ya 20)**

4. Tubusanga na none mu Masezerano Mpuzamahanga akurikira:

- Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki yo ku wa 16/12/1966 u Rwanda rukaba rwarayemeje kuwa 1 Werurwe 1973. Ayo masezerano yemera ko buri muntu afite uburenganzira bwo kwifatanya n'abandi nta nkomyi, ndetse no kurema ingaga no kuzinjiramo kugira ngo arengere inyungu ze. **(ingingo ya 21 n'iya 22 igika cya 1).** Igika cya kabiri cy'iyi ngingo kivuga ko ubwo burenganzira bushobora kudashyirwa mu bikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko mu gihugu kirangwamo demokarasi, mu nyungu z'umutekano w'Igihugu, iz'umudendezo n'ituze bya rubanda, cyangwa kurengera ubuzima n'imico y'Igihugu cyangwa uburenganzira n'ubwisanzure by'undi muntu.

- Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco yo ku wa 16/12/1966, yemera ko buri muntu afite uburenganzira bwo gushinga ingaga afatanije n'abandi n'ubwo kwinjira mu rugaga yihitiyemo, apfa gusa gukurikiza amategeko urugaga arimo rugenderaho, kugira ngo ateze imbere kandi yubahirize inyungu zarwo mu rwego rw'ubukungu n'imibereho myiza. **(ingingo ya 8, igika cya a).**
- Amasezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira bwa Muntu n'ubw'abaturage yo ku wa 27/06/1981 akaba yarashyizweho Umukono n'u Rwanda ku wa 11 Ugushyingo 1981. Ayo masezerano avuga ko buri muntu afite uburenganzira bwo kwishyira hamwe n'abandi mu mashyirahamwe, apfa gukurikiza ingingo z'amategeko zibigenga. Iyi ngingo kandi ivuga ko ntawe ugomba guhatirwa kujya mu ishyirahamwe. **(ingingo ya 10).**

Buri gihugu cyemeye aya masezerano cyiyemeje gushyiraho no gukurikiza politiki iboneye ishimangira ubwo burenganzira bwo kwishyira hamwe.



Uburenganzira wo kwiteza imbere biciye mu kwishyira hamwe

- Itegeko N°66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda :
 - Abakozi bafite uburenganzira bwo gushinga sendika cyangwa kujya muri sendika iriho bagamije kurengera uburenganzira n'inyungu byabo (**ingingo ya 10 agace ka 2**)
 - Abakoresha nabo bafite uburenganzira bwo gushinga ishyirahamwe cyangwa kujya mu mashyirahamwe y'abakoresha ariho (**ingingo ya 10 agace ka 3**)

VI. INTAMBWE U RWANDA RWATEYE MU GUTEZA IMBERE UBURENGANZIRA BWO KWISHYIRA HAMWE

U Rwanda rwatangiye urugamba rwo kwiyubaka mu rwego rwo kwiteza imbere. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho usanga imijyi myinshi igenda itera imbere, imirimo y'ubwubatsi, ubugeni n'ubukorikori ndetse n'ikoranabuhanga igenda ishingira imizi mu bice byose by'Igihugu. Ni muri urwo rwego uburenganzira bwo kwishyira hamwe bwagiye butezwa imbere, kugirango abakozi mu nzego zitandukanye, ari iza Leta cyangwa abikorera babashe guharanira uburenganzira n'inyungu byabo.

Leta kandi ishishikariza abanyarwanda mu byiciro byose kwishyira hamwe mu rwego rwo kugera ku iterambere ryihuse.

❖ Inshingano za Leta mu bijyanye no guteza imbere uburenganzira bwo kwishyira hamwe:

Mu rwego rwo guteza imbere no kurengera uburenganzira bwo kwishyira hamwe u Rwanda rwashyizeho amategeko n'amateka arengera ubwo burenganzira, rusinya amasezerano mpuzamahanga afite aho ahurira n'ubwo burenganzira, ishyiraho kandi n'inzego zitandukanye zishinzwe kurinda no guteza imbere ubwo burenganzira.

1. Amategeko

- Itegeko Nshinga rya Republika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015;
- Itegeko N°66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda :

Iri tegeko riteganya ko abakozi bafite uburenganzira bwo gushinga sendika cyangwa kujya muri sendika iriho bagamije kurengera uburenganzira n'inyungu byabo, rikanateganya ko n'abakoresha nabo bafite uburenganzira bwo gushinga ishyirahamwe cyangwa kujya mu mashyirahamwe y'abakoresha ariho;

- Itegeko numero 024/2021 ryo ku wa 27/04/2021 rigenga amakoperative mu Rwanda;
- Itegeko Ngenga N° 10/2013/OL ryo ku wa 11/07/2013 rigenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki ryahinduwe n'Itegeko Ngenga N° 005/2018.OL ryo ku wa 30/08/2018;
- Itegeko numero 04/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigenga imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta. Iri tegeko by'umwihariko rigenga imiryango nyarwanda itari iya Leta iharanira inyungu rusange z'abanyamuryango;

Iri tegeko riteganya kandi risobanura neza ko uku kwishyira hamwe gushobora gukorwa mu byiciro bitatu hakurikijwe intego yayo y'ibanze n'imiterere y'abanyamuryango.

Muri ibyo byiciro harimo imiryango igamije inyungu rusange, ifite inshingano yo guteza imbere abaturage muri rusange. Ikora ibikorwa byo guteza imbere sosiyete sivile, inzego z'ubukungu, imibereho myiza, umuco, ubumenyi n'uburenganzira bwa Muntu. Harimo kandi imiryango igamije inyungu z'abanyamuryango bayo, ikaba ikora ibikorwa byo guteza imbere abanyamuryango bayo mu rwego rwihariye, hakaba kandi na za fondasiyo zifite intego yo gushyiraho ikigega cyangwa gukusanya umutungo, kuwucunga no kuwukoresha mu bikorwa byo gutera inkunga abo washyiriweho.

Muri rusange, uburenganzira bwo kwishyira hamwe bushobora gukorwa binyuze mu miryango itari iya Leta, sosiyete sivile, koperative, imiryango ishingiyeye ku idini, imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda, za sendika z'abakozi ndetse na za club.

Abishyize hamwe n'uburyo bakoresha ubwo ari bwo bwose, bafite uburenganzira ndetse n'inshingano bingana byo guteza imbere ishyirahamwe, umuryango cyangwa koperative barimo, bakagira kandi uburenganzira bungana ku nyungu ziva mu bikorwa bafatanyije.

U Rwanda rwanasinye amasezerano mpuzamahanga atandukanye agaragaramo uburenganzira bwo kwishyirahamwe:

- Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu ryo ku 10/12/1948;
- Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki yo ku wa 16/12/1966;
- Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco yo ku wa 16/12/1966;
- Amasezerano mpuzamahanga yerekeye umurimo (ILO convention numero 87);
- Amasezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira bwa Muntu n'ubw'abaturage yo ku wa 27/06/1981.
- N'andi menshi yagaragajwe hejuru.

2. Gushyiraho inzego zishinzwe gukurikira iyubahirizwa uburenganzira bwo kwishyira hamwe ari zo:

- Ikigo cy'Igihugu cy'imiyoborere myiza, gifite mu nshingano gufasha abantu bashaka kwishyira hamwe haba imiryango nyarwanda itari iya Leta, haba imiryango nyarwanda ishingiyeye ku madini ndetse n'amashyirahamwe y'abanyamyuga cyangwa undi murimo bahuriyeho;

- Ikigo cy'Igihugu cy'amakoperative kigamije guteza imbere ibikorwa by'ubukungu, iby'imibereho myiza n'ibindi bigamije inyungu rusange, binyuze mu kwishyira hamwe;
- Komisiyo y'igihugu y'uburenganzira bwa Muntu, ifite mu nshingano guteza imbere, kurinda no kurengera uburenganzira bwa Muntu, muri bwo harimo n'uburenganzira bwo kwishyira hamwe.

Uretse amategeko n' inzego byashyizweho, hagaragara kandi uruhare rw'imiryango itari iya Leta ndetse na za sindika biharanira guteza imbere uburenganzira bwo kwishyira hamwe, abakozi bakibumbira mu ngaga zitandukanye bagamije guharanira uburenganzira n'inyungu byabo no kugera ku mibereho myiza. Muri icyo twavugamo impuzamiryango zibumbiye mu ihuriro ry'imiryango Nyarwanda itari iya Leta (RCSP), amahuriro ya za sendika z'abakozi ariyo CESTRAR, COSYLI, REWU na COTRAF. Hari kandi n'ihuriro ry'abayobozi b'amadini n'amatorero (RRLF) n'ihuriro ry'Imitwe ya Politiki (NFPO).

Ibi bigaragaza ko imiryango itari iya Leta ifite uburenganzira bwo kwishyira hamwe, ikaba igenda ihanga ibikorwa bishya, ari nako irushaho guhuza ingufu n'ibitekerezo, ibyo byose bikagaragaza iyubahirizwa ry'uburenganzira bwo kwishyira hamwe no gukora inama mu ituze.

VII. IBYO KOMISIYO IKORA MU GUTEZA IMBERE UBURENGANZIRA BWO KWISHYIRA HAMWE

Komisiyo ifite mu nshingano guteza imbere, kurinda no kurengera uburenganzira bwa Muntu, muri bwo harimo n'uburenganzira bwo kwishyira hamwe. Mu rwego rwo guteza imbere ubu burenganzira, Komisiyo:

- Ishyigikira ingamba n'ibikorwa bigamije guteza imbere umuturage aharanira uburenganzira bwe n'inyungu bye.
- Itanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko arengera uburenganzira bwo kwishyira hamwe.

- Ikangurira kandi ikigisha abaturage mu byiciro binyuranye, ibyerekeye kubahiriza uburenganzira bwa muntu, harimo n'uburenganzira bwo kwishyira hamwe;
- Itanga amahugurwa n'inyigisho bijyanye n'uburenganzira bwa muntu ku banyamuryango ba za Sindika, amashyirahamwe, za koperative n'imiryango itandukanye;
- Ibisabwe cyangwa ibyibwirije ikora iperereza ku bikorwa bihungabanya uburenganzira bwo kwishyira hamwe ikanageza ku nzego bireba ibikwiye gukosorwa kandi igakora ubuvugizi aho biri ngombwa;
- Yakira kandi igakurikirana ibirego bijyanye n'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'abanyamuryango b'amashyirahamwe, imiryango itari iya Leta na za koperative.
- Ikora isesengura ry'uko uburenganzira bwa Muntu buhagaze mu Rwanda harimo n'uburenganzira bwo kwishyira hamwe igatangaza ibyavuyemo.
- Yashyizeho ihuriro rihuza Komisiyo n'imiryango itari iya Leta yita ku burenganzira bwa Muntu ikorera mu gihugu. Buri mwaka itegura inama y'iryo huriro.
- Itegura amaguhurwa n'ibiganiro bigenewe ihuriro nyarwanda ry'Abayobozi b'amadini n'Amatorero.

VIII. IBIKWIYE KWITABWAHO MU KURENGERA UBURENGANZIRA BWO KWISHYIRA HAMWE

N'ubwo bigaragara ko uburenganzira bwo kwishyira hamwe no gukora inama mu ituze bwubahirizwa mu Rwanda, hari ibikwiye gukomeza kunozwa kugira ngo ubwo burenganzira burusheho gutezwa imbere. Harimo:

- Gukomeza guhugura abanyamuryango b'amashyirahamwe, imiryango itari iya Leta, za sindika n'amakoperative ku burenganzira n'inshingano zabo nk'uko biteganywa n'amategeko n'amabwiriza u Rwanda rwashyizeho;
- Kongerera ubumenyi imiryango nyarwanda itari iya Leta mu buryo bw'amahugurwa;

- Gukomeza gukangurira abanyamuryango b'amashyirahamwe atandukanye gusobanukirwa uburenganzira n'inshingano bahabwa n'amategeko.

IX. UMWANZURO

Uburenganzira bwo kwishyira hamwe ni uburenganzira bwa buri wese, mu rwego arimo, kuko iyo abantu bishyize hamwe bahuza ibitekerezo, imbaraga n'ubushobozi bityo bikabafasha guharanira uburenganzira n'inyungu byabo kandi bikabafasha kugera ku iterambare ryihuse.

Kugira ngo uburenganzira bwo kwishyira hamwe burushaho kubahirizwa, birasaba uruhare rwa buri wese n'ubufatanye bw'inzego zose yaba iza Leta, iz'abikorera ndetse n'imiryango itari iya Leta.

Hashingiwe ku kamaro ko kwishyira hamwe ndetse n'uruhare rwa za sindika, amashyirahamwe n'imiryango itandukanye mu iterambere rya muntu n'igihugu muri rusange, ni byiza ko uburenganzira bwo kwishyira hamwe bushyigikirwa kandi bugatezwa imbere.

X. UMUGEREKA

INYANDIKO ZIFASHISHIJE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO

❖ AMATEGEKO N'AMASEZERANO MPUZAMAHANGA

1. AMATEGEKO

- Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015;
- Itegeko N°66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda ;
- Itegeko N°04/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta

2. AMASEZERANO MPUZAMAHANGA

- Itangazo Mpuzamahanga ry' uburenganzira bwa Muntu ryo ku wa 10 Ukuboza 1948;
- Amasezerano Mpuzamahanga yo ku wa 16/12/1966 yerekeye uburenganzira bwa muntu mu by'Imbonezamubano na Politiki ;
- Amasezerano Mpuzamahanga yo ku wa 16/12/1966 yerekeye uburenganzira bwa muntu mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco;

3. Ubushakashatsi butandukanye bwakorewe kuri murandasi